

SITATI Y’IHURIRO NYARWANDA



Intego: Amahoro-Ubumwe-Ubwisanzure

ISHAKIRO

IRIBURIRO.....	4
IGICE CYA MBERE: ISHINGWA N’AMATWARA BY’IHURIRO NYARWANDA .	4
<i>Umutwe wa mbere: Inyito, Icyicaró</i>	<i>4</i>
Ingingo ya 1: Ishingwa n’Inyito	4
Ingingo ya 2: Icyicaró	4
<i>Umutwe wa kabiri: Amatwara n’Ikirangantego</i>	<i>5</i>
Ingingo ya 3: Amatwara y’Ihuriro	5
Ingingo ya 4: Ikirangantego	6
<i>Umutwe wa gatatu: Indimi</i>	<i>6</i>
Ingingo ya 5: Indimi	6
IGICE CYA KABIRI: ABAYOBOKE, UBURENGANZIRA N’INSHINGANO BYABO	6
<i>Umutwe wa mbere: Abayoboke n’Ibyiciro byabo mu Ihuriro</i>	<i>6</i>
Ingingo ya 6: Kwinjira mu Ihuriro	6
Ingingo ya 7: Ibyiciro by’Abayoboke.....	6
Ingingo ya 8: Abayoboke Bashinze Ihuriro kandi Bakiririmo	7
Ingingo ya 9: Abayoboke Binjiye mu Ihuriro.....	7
Ingingo ya 10: Abayoboke b’Icyubahiro	7
Ingingo ya 11: Abashyigikiye Ihuriro.....	7
<i>Umutwe wa kabiri: Kuva mu Ihuriro</i>	<i>7</i>
Ingingo ya 12: Kureka Kuba Umuyoboke.....	7
<i>Umutwe wa gatatu: Uburenganzira n’Inshingano by’Umuyoboke</i>	<i>7</i>
Ingingo ya 13: Uburenganzira bw’Umuyoboke	7
Ingingo ya 14: Inshingano za Buri Muyoboke	7
IGICE CYA GATATU: IMITERERE N’INZEGO BY’IHURIRO	8
<i>Umutwe wa mbere: Inzego z’Ihuriro</i>	<i>8</i>
Ingingo ya 15: Imiterere y’Ihuriro	8
Ingingo ya 16: Inzego Zunganira Ubuyobozi ku Rwego rw’Igihugu.....	8
<i>Umutwe wa kabiri: Inama Rusange z’Ihuriro n’Inshingano Zazo</i>	<i>9</i>
Ingingo ya 17: Inama Rusange y’Igihugu	9
Ingingo ya 18: Inama Rusange y’Intara.....	10
Ingingo ya 19: Inama Rusange y’Akarere	10
<i>Umutwe wa gatatu: Inzego z’Ubuyobozi bw’Ihuriro n’Inshingano zazo</i>	<i>11</i>
Ingingo ya 20: Biro Politiki y’Igihugu	11
Ingingo ya 21: Komite Nshingwabikorwa y’Igihugu.....	12
Ingingo ya 22: Komite nshingwabikorwa y’Intara.....	14
Ingingo ya 23: Komite Nshingwabikorwa y’Akarere	16
<i>Umutwe wa kane: Inzego zunganira ubuyobozi</i>	<i>18</i>

Ingingo ya 24: Komite Ngishwanama y'Inararibonye.....	18
Ingingo ya 25: Komite y'Ubugenzuzi bw'Ihuriro	18
Ingingo ya 26: Komite ya Disipurine	19
Ingingo ya 27: Komisiyo y'Amatora.....	19
Ingingo ya 28: Radio y'Ihuriro	19
Ingingo ya 29: Urugaga ry'Urubyiruko	20
Ingingo ya 30: Urugagaga rw'Abari n'abategarugori	20
IGICE CYA KANE: INGINGO ZIHARIYE N'IZISOZA	20
<i>Umutwe wa mbere: Umutungo n'Ingingo y'Imari by'Ihuriro</i>	<i>20</i>
Ingingo ya 31: Umutungo w'Ihuriro n'Inkomoko yawo	20
Ingingo ya 32: Ingingo y'Imari ya buri mwaka	20
<i>Umutwe wa kabiri: Umwaka w'Ihuriro.....</i>	<i>20</i>
Ingingo ya 33: Umwaka w'Ihuriro	21
<i>Umutwe wa gatatu: Ibirebana na Manda z'Abayobozi mw'Ihuriro.....</i>	<i>21</i>
Ingingo ya 34: Manda z'Abayobozi mw'Ihuriro	21
Ingingo ya 35: Gusimburwa ku Mirimo	21
<i>Umutwe wa kane: Uko Ibyemezo Bifatwa mu Nama z'Ihuriro</i>	<i>21</i>
Ingingo ya 36: Inama z'Ihuriro n'uko Ibyemezo Bifatwa.....	21
<i>Umutwe wa gatanu: Amategeko Ngengamikorere, Amategeko Ngengamyitwarire n'Izindi Nyandiko z'Ihuriro</i>	<i>22</i>
Ingingo ya 37: Amategeko Ngengamikorere, Ngengamyitwarire n'Izindi Nyandiko Ngenderwaho z'Ihuriro.....	22
Ingingo ya 38: Kumva neza no Gukoresha iyi Sitati.....	22
<i>Umutwe wa gatandatu: Ibisoza</i>	<i>22</i>
Ingingo ya 39: Iseswa ry'Ihuriro	22
Ingingo ya 40: Ihindurwa, Iyemezwa n'Ikurikizwa bya Sitati	22

IRIBURIRO

Ihuriro Nyarwanda ni ishyirahamwe rya politiki ryashinzwe n'Abanyarwanda bashyize hamwe ibitekerezo byabo. Intego yaryo ni “**Amahoro, Ubumwe n'Ubwisanzure**”. Iyi ntego izagerwaho Ihuriro Nyarwanda ryibanda cyane cyane ku guharanira ko u Rwanda ruba igihugu kigendera ku mategeko kandi cyiganjemo demokarasi n'amajyambere arambye, umutekano usesuye w'abaturage bose, kirangwa n'ubutabera bwigenga n'uburenganzira bw'ikiremwa muntu no gusaranganya umutungo rusange w'igihugu bidashingiye ku moko, uturere, gukundwakazwa kwa bamwe, uburyamirane cyangwa ku zindi mpamvu izo arizo zose zinyuranye n'amahame ya demokarasi mu gihugu kigendera ku mategeko. Ihuriro Nyarwanda rizaharanira ko umubano w'u Rwanda n'andi mahanga uhora umeze neza cyane cyane duherewe ku bihugu bituranye n'u Rwanda.

Kugira ngo rizashobore kugera kuri izi ntego, Ihuriro Nyarwanda riyemeje gukorera mu mucyo, mu bwisanzure bwa buri muyoboke no muri demokarasi isesuye. Iyi gahunda yose izagerwaho ari uko Ihuriro Nyarwanda n'abandi rifatanije cyangwa rizafatanyaga nabo bashoboye gushyiraho Leta cyangwa bakagira uruhare rukomeye mu gufata ibyemezo bikomeye birebana n'ubuzima bw'igihugu cy'u Rwanda uhariye ku byifuzo by'abaturarwanda bose nta n'umwe uhejwe.

Iyi Sitati irashyiraho amahame y'ibanze y'Ihuriro, amatwara, imiterere n'inzego z'ubuyobozi byaryo, ikanagena uburenganzira ndetse n'inshingano bya buri muyoboke na buri muyobozi n'ibindi byose bikenewe kugira ngo Ihuriro Nyarwanda rigere ku nshingano ryihaye.

IGICE CYA MBERE: ISHINGWA N'AMATWARA BY'IHURIRO NYARWANDA

Umutwe wa mbere: Inyito, icyicaro

Ingingo ya 1: Ishingwa n'Inyito

Ishyirahamwe rya politiki ryitwa mu Kinyarwanda «*Ihuriro Nyarwanda*»; mu Gifaransa «*Congrès National Rwandais*»; mu Cyongereza «*Rwanda National Congress*»; mu magambo ahinnye «*RNC*» ryatangijwe ku mugaragaro n'itangazo ryo kuwa 12 Ukuboza 2010 i Bethesda, muri Maryland ho muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika. Muri iyi Sitati, ijamba «*Ihuriro*» risobanura «*Ihuriro Nyarwanda*».

Ingingo ya 2: icyicaro

Icyicaro cy'Ihuriro kiri i Washington DC mu gihugu cya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika. Gishobora kwimurirwa ahandi hantu aho ariho hose byemejwe n'Inama Rusange y'Igihugu cyangwa Biro Politiki mu gihe Inama Rusange idashoboye guterana.

Umutwe wa kabiri: Amatwara n'Ikirangantego

Ingingo ya 3: Amatwara y'Ihuriro

Ihuriro Nyarwanda rishingiye ku matwara akurikira:

- a) Kurwanya no gukumira imyirya, itsembabwoko, ibyaha byibasira inyokomuntu, ibyaha by'intambara n' ihohoterwa ry'abaturage iryo ari ryo ryose;
- b) Guca burundu umuco wo kudahana hubakwa ubutabera bwigenga kandi butabogamye;
- c) Guteza imbere umuco w'imiyoborere ishingiyeye kuri demokarasi kandi yubahiriza amategeko;
- d) Guharanira ishyirwaho ry'inzego z'abakozi ba Leta n'iz'umutekano zikorera Abanyarwanda n'abandi bantu bose bari mu Rwanda nta kubogama;
- e) Kubaka umuryango ukomeye w'Abanyarwanda, uharanira uburenganzira bwa buri munyarwanda yaba aba imbere mu gihugu cyangwa aba hanze yacyo ku bushake bwe;
- f) Kubakira hamwe gahunda y'ubumwe n'ubwiyunge nyabwo hagati y'amoko yose atuye u Rwanda hitabwaho cyane cyane komora ibikomere Abanyarwanda batewe n'amateka mabi yaranze u Rwanda;
- g) Guteza imbere umubano ushingiyeye ku busabane, ubwiyunge, ubwubahane n'ubuhahirane hagati y'u Rwanda n'ibindi bihugu cyane cyane ibirukikije;
- h) Gukemura burundu ikibazo cy'ubuhunzi cyabaye karande ku bana b'u Rwanda no gukuraho impamvu zose zibutera;
- i) Kwimakaza ubworoherane mu banyarwanda no gukemura ibibazo hakoreshejwe ibiganiro hatagize uruhande na rumwe rwirengagizwa ku mpamvu izo arizo zose kabone n'ubwo izo mpande zaba zitavuga rumwe;
- j) Kubaka ubukungu bw'igihugu bushingiyeye ku mutungo w' u Rwanda n'ubufatanye n'andi mahanga kandi Abanyarwanda bose bibonamo;
- k) Kurwanya umuco wa ruswa, ivangura n'itonesha byakomeje kuranga imiyoborere y'u Rwanda.

Ingingo ya 4: Ikirangantego

Ikirangantego cy'Ihuriro kigizwe n'ishusho ririmo amashami abiri y'icyatsi kibisi ahurira ku nyuguti "RNC" kandi abumbatiriye uruziga rw'ubururu rwanditsemo "*Ihuriro Nyarwanda*", rukabamo ibi bikurikira: inyenyeri eshatu z'umuhondo ziri hejuru y'inyuguti RNC, imisozi n'umugezi utemba, izuba riri hejuru y'iyi misozi, n'inuma iguruka. Kuri iryo shusho hariho kandi igitambaro gihinye iburyo n'ibumoso cyanditseho amagambo akurikira: "*Amahoro-Ubumwe-Ubwisanzure*".

Ibyo bishushanyo bisobanura ibi bikurikira:

- a) Amashami ahurira ku nyuguti RNC n'inuma iri mu kirere bisobanura ko RNC ari Ihuriro ry'amahoro, kandi ko RNC ishyira hejuru ya byose amahoro arambye;
- b) Inyenyeri eshatu ziringaniye zigaragaza uburinganire hagati y'amoko atatu agize

Abanyarwanda, banyotewe n'amahoro, ubumwe n'ubwisanzure;

- c) Imisozi n'umugezi utemba bisobanura ibyiza bitatse u Rwanda kimwe n'imibereho myiza ikenewe ku banyarwanda bose;
- d) Izuba riranga umucyo n' imiyoborere myiza RNC iteganyirije Abanyarwanda;
- e) Uruziga rwanditswemo *Ihuriro Nyarwanda* ni impeta y'isezerano RNC yemereye Abanyarwanda bose, ryo kubageza ku mahoro, ituze n'ubwiyunge, bityo u Rwanda rukaba koko igihugu gitemba amata n'ubuki.

Umutwe wa gatatu: Indimi

Ingingo ya 5: Indimi

Iyi Sitati yanditswe mu Kinyarwanda ariko ishobora no gushyirwa mu zindi ndimi zikoreshwa kandi zemewe mu Rwanda arizo Igifaransa n'Icyongereza. Inyandiko iri mu Kinyarwanda niyo mwimerere izindi ndimi zishingiyeho.

IGICE CYA KABIRI: ABAYOBOKE, UBURENGANZIRA N'INSHINGANO BYABO

Umutwe wa mbere: Abayoboke n'Ibyiciro byabo mu Ihuriro

Ingingo ya 6: Kwinjira mu Ihuriro

Ihuriro Nyarwanda ryakira, nta vangura iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina, ubwoko, idini, inkomoko n'ibindi, buri Munyarwanda wese wujuje imyaka 18 ubisabye kandi akemera intego, indangagaciro, imigabo n'imigambi, ibitekerezo, amategeko, imikorere, n'ibindi byemezo byafashwe n'inzego z'ubuyobozi.

Kuba umuyoboke byemezwa no gufata ikarita y'abayoboke b'Ihuriro n'ubundi buryo bwose bushobora kugenwa na Biro Politiki. Ubusabe bwemezwa na Komite Nshingwabikorwa y'Akarere usaba kwinjira mu Ihuriro atuyemo. Ntawe ugomba guhatirwa kwinjira mu Ihuriro.

Ingingo ya 7: Ibyiciro by'Abayoboke

Abayoboke b'Ihuriro barimo ibyiciro bine: abashinze Ihuriro kandi bakiririmo, abinjiye mu Ihuriro, abayoboke b'icyubahiro n'abaterankunga b'Ihuriro.

Ingingo ya 8: Abayoboke Bashinze Ihuriro kandi Bakiririmo

Abayoboke bashinze Ihuriro kandi bakiririmo ni bamwe mu bahuriye hamwe ku ikubitiro ibitekerezo byo gutangiza Ihuriro nk'uko banditswe mu itangazo ryo kuwa 12 Ukuboza 2010 ryashyiriweho umukono i Bethesda, muri Maryland ho muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika.

Ingingo ya 9: Abayoboke Binjiye mu Ihuriro

Abayoboke binjiye mu Ihuriro ni abariyobotse ku bushake bwabo kandi bagahabwa ikarita y'umuyoboke cyangwa bakabyemererwa hakurikijwe ubundi buryo bugenwa na Biro Politiki.

Ingingo ya 10: Abayoboke b'Icyubahiro

Abayoboke b'icyubahiro ni abantu bashyigikiye Ihuriro kandi bahawe umwanya w'icyubahiro n'Inama Rusange y'Igihugu.

Abayoboke b'icyubahiro bashobora kubaza ibibazo no gutanga ibitekerezo ariko nta burenganzira bafite bwo kwiyamamaza, gutora cyangwa gufata ibyemezo birebana n'Ihuriro.

Ingingo ya 11: Abaterankunga b'Ihuriro

Abaterankunga b'Ihuriro ni abantu bose baba Abanyarwanda cyangwa abanyamahanga; yaba umuntu ku giti cye cyangwa abantu bibumbiye hamwe nk'umuryango ufite izina runaka; bemera amahame yaryo kandi biyemeje kuritera inkunga cyangwa kurishyigikira ariko batarishinze cyangwa ngo baryinjiremo

Abaterankunga b'Ihuriro bashobora kubaza ibibazo no gutanga ibitekerezo ariko nta burenganzira bafite bwo kwiyamamaza, gutora no gufata ibyemezo ibyo ari byo byose birebana n'Ihuriro.

Umutwe wa kabiri: Kuva mu Ihuriro

Ingingo ya 12: Kureka Kuba Umuyoboke

Umuntu areka kuba umuyoboke iyo asezeye ku bushake bwe, yirukanwe, atakiriho cyangwa igihe Ihuriro ryaba riseshwe.

Umutwe wa gatatu: Uburenganzira n'Inshingano by'Umuyoboke

Ingingo ya 13: Uburenganzira bw'Umuyoboke

Buri muyoboke uvugwa mu ngingo ya 8 n'ya 9 afite uburenganzira bwo:

- a) Gutora no kwiyamamariza ku mwanya w'ubuyobozi uwo ari wo wose;
- b) Kugira uruhare mu bikorwa byose by'Ihuriro;
- c) Gutanga ibitekerezo bye;
- d) Kugira uruhare mu mikorere y'Ihuriro;
- e) Gufatira ibyemezo abayobozi batuzuzza neza inshingano zabo;
- f) Kwisobanura no kujuririra icyemezo atishimiye cyamufatiwe nta rundi rwego anyuzeho.

Ingingo ya 14: Inshingano za Buri Muyoboke

Buri muyoboke uvugwa mu ngingo ya 8 n'ya 9 afite inshingano zo:

- a) Gutanga umusanzu w'Ihuriro;
- b) Gukurikiza amabwiriza atanzwe n'ibyemezo byafashwe n'inzego z'ubuyobozi;
- c) Kubahiriza imiterere, imikorere n'inzego z'ubuyobozi bw'Ihuriro;
- d) Kwitabira ibikorwa by'Ihuriro;

- e) Kumenya, gukwirakwiza no kurengera imigabo n'imigambi by'Ihuriro;
- f) Gukora ikintu cyose giteza imbere Ihuriro;
- g) Kwirinda gukora ikintu cyose cyadindiza Ihuriro cyangwa icyaritesha agaciro;
- h) Guteza imbere no kwimakaza ubumwe bw'Ihuriro;
- i) Kurwanya ivangura iryo ari ryo ryose n'icyo ryaba rishingiyeho cyose nk'ubwoko, igitsina, idini, ibitekerezo bya politiki n'ibindi.

IGICE CYA GATATU: IMITERERE N'INZEGO BY'IHURIRO

Umutwe wa mbere: Inzego z'Ihuriro

Ingingo ya 15: Imiterere y'Ihuriro

Ihuriro rifite ubuyobozi buri mu byiciro bitatu: urwego rw'Igihugu "Igihugu", urwego rw'Intara «Intara» n'urwego rw'Akarere «Akarere». Muri iyi Sitati:

- a) Igihugu ni u Rwanda;
- b) Intara ni igihugu cyose kirimo abayoboke b'Ihuriro cyangwa akandi gace byemejwe ko kitwa gutyo;
- c) Akarere ni agace kagenwa n'Inama Rusange y'Intara ikurikije imiterere yayo n'umubare w'abayoboke bari muri ako gace.

Inzego z'ubuyobozi kuri buri cyiciro ni izi zikurikira:

15.1. Ku rwego rw'Igihugu

- a) Inama Rusange y'Igihugu
- b) Biro Politiki y'Ihuriro
- c) Komite Nshingwabikorwa y'Igihugu

15.2. Ku rwego rw'Intara

- a) Inama Rusange y'Intara
- b) Komite Nshingwabikorwa y'Intara

15.3. Ku rwego rw'Akarere

- a) Inama Rusange y'Akarere
- b) Komite Nshingwabikorwa y'Akarere

Ingingo ya 16: Inzego Zunganira Ubuyobozi ku Rwego rw'Igihugu

Inzego zunganira ubuyobozi bw'Ihuriro ni izi zikurikira:

- a) Komite y'ubugenzuzi
- b) Komite ishinze imyitwarire y'abayoboke
- c) Komite ngishwanama y'inararibonye
- d) Komisiyo y'amatora
- e) Radio Ihuriro

Inzego zunganira ubuyobozi zigengwa n'amategeko yihariye ariko atavuguruza iyi Sitati.

Umutwe wa kabiri: Inama Rusange z'Ihuriro n'Inshingano Zazo

Ingingo ya 17: Inama Rusange y'Igihugu

17.1. Abayigize

Inama Rusange y'Igihugu igizwe n'aba bakurikira:

- a) Abagize Komite Nshingwabikorwa ku rwego rw'Igihugu, urw'Intara n'urw'Akarere;
- b) Komite y'ubugenzuzi;
- c) Komite ishinze imyitwarire y'abayoboke;
- d) Komisiyo y'amatora;
- e) Komite Ngishwanama y'inararibonye;
- f) Umuyobozi wa Radiyo Ihuriro;
- g) Abashinze Ihuriro kandi bakiririmo;
- h) Abayoboke bigeze kuba muri Komite Nshingwabikorwa z'Ihuriro ku rwego; rw'Igihugu, urw'Intara n'urw'Akarere;
- i) Abahagarariye abayoboke batari mu nzego z'ubuyobozi;
- j) Undi muntu wese Biro ya Komite Nshingwabikorwa y'Igihugu yatumira ariko nta burenganzira bwo gutora no gufata ibyemezo agira.

Iyo habonetse impamvu zifatika zibuza Inama Rusange y'Igihugu guterana, Biro Politiki ifite uburenganzira bwo gufata ibyemezo byose byagafashwe nayo (inama rusange).

17.2. Inshingano z'Inama Rusange z'Igihugu

Inama Rusange y'Igihugu ni rwo rwego rw'ikirenga rw'Ihuriro. Inshingano zayo ni izi zikurikira:

- a) Gutora abagize Biro ya Komite Nshingwabikorwa y'Igihugu;
- b) Gushyiraho amatsinda ahoraho ku rwego rw'Igihugu no gutora abayobozi bayo;
- c) Kugena amatwara n'ingamba nyamukuru by'Ihuriro;
- d) Gushyiraho no guhindura amategeko agenga Ihuriro;
- e) Kwakira, gusuzuma, no kwemeza raporo ya Komite Nshingwabikorwa y'Igihugu;
- f) Kwemeza umushinga w'iteganyabikorwa by'Ihuriro;
- g) Kwakira raporo y'imikoreshereze y'umutungo w'Ihuriro;
- h) Kwakira raporo y'inzego zunganira ubuyobozi;
- i) Kugena no kwemeza gahunda z'ibikorwa by'Ihuriro;
- j) Kwemeza amasezerano yerekeranye n'ubufatanye n'indi miryango ya politiki cyangwa andi masezerano ayo ariyo yose Ihuriro ryagirana n'umuntu ku giti cye cyangwa andi mashyirahamwe hanze y'Ihuriro;
- k) Gusuzuma, kwemeza cyangwa gusesa ibyemezo byafashwe na Biro Politiki;
- l) Kwemeza amabwiriza agenga imyitwarire y'abayoboke n'imikorere y'Ihuriro.

17.3 Guterana kw'Inama Rusange y'Igihugu

Inama Rusange y'Igihugu isanzwe iterana rimwe mu mwaka. Itumizwa mu nyandiko n'Umuhuzabikorwa Mukuru kandi akayiyobora. Ariko ishobora gutumirwa by'igitaraganya igihe cyose Komite Nshingwabikorwa y'Igihugu isanze ari ngombwa, cyangwa mu gihe nibura kimwe cya gatatu (1/3) cy'abagize Inama Rusange y'Igihugu babisabye.

Ingingo ya 18: Inama Rusange y'Intara

18.1 Abayigize

Inama Rusange y'Intara igizwe n'aba bakurikira:

- a) Abagize Komite Nshingwabikorwa y'Intara;
- b) Abagize Komite Nshingwabikorwa z'Uture;
- c) Abari mu nzego z'Igihugu batuye muri iyo Ntara;
- d) Abahagarariye abayoboke batari mu nzego z'ubuyobozi;
- e) Abayoboke bose bo muri iyo Ntara;
- f) Undi wese Biro ya Komite Nshingwabikorwa y'Intara yatumira bibaye ngombwa ariko ntagira uburenganzira bwo gutora no gufata ibyemezo.

18.2 Inshingano

Inshingano z'Inama Rusange y'Intara ni izi:

- a) Gutora abagize Biro ya Komite Nshingwabikorwa y'Intara;
- b) Gushyiraho nibura aho bishoboka amatsinda ahoraho ku rwego rw'Intara no gutora abayobozi bayo;
- c) Gutora abahagarariye Intara muri Biro politiki
- d) Kwemeza igenamigambi y'ibikorwa by'intara;
- e) Kwemeza ingengo y'Imari y'Intara;
- f) Kwakira raporo ya Komite Nshingwabikorwa ku mikoreshereze y'umutungo;
- g) Kwakira raporo y'ibikorwa ya Komite Nshingwabikorwa y'Intara;
- h) Kwakira raporo y'uhagarariye abayoboke utari mu nzego z'ubuyobozi;
- i) Gusuzuma, kwemeza cyangwa gusesa ibyemezo byafashwe n'izindi nzego ikuriye.

18.3 Guterana kw'Inama Rusange y'Intara

Inama Rusange isanzwe y'Intara iterana byibuze kabiri mu mwaka. Itumizwa mu nyandiko n'Umuhuzabikorwa w'Intara kandi akayiyobora. Ariko ishobora gutumirwa by'igitaraganya igihe cyose Komite Nshingwabikorwa y'Intara isanze ari ngombwa, cyangwa mu gihe nibura kimwe cya gatatu (1/3) cy'abagize Inama Rusange y'Intara babisabye.

Ingingo ya 19: Inama Rusange y'Akarere

19.1 Abayigize

Inama Rusange y'Akarere igizwe n'abayoboke bose bagatuyemo n'undi wese Biro ya Komite Nshingwabikorwa y'Akarere yatumira bibaye ngombwa ariko ntagira uburenganzira bwo gutora no gufata ibyemezo.

19.2 Inshingano z'Inama Rusange y'Akarere

Inshingano z'Inama Rusange y'Akarere ni izi:

- a) Gutora abagize Biro ya Komite Nshingwabikorwa y'Akarere
- b) Gushyiraho nibura aho bishoboka amatsinda ahoraho ku rwego rw'Akarere no gutora abayobozi bayo;
- c) Gutora abahagararira abayoboke (batari mu nzego z'ubuyobozi) mu nama rusange y'Akarere, y'Intara n'iy'Igihugu;
- d) Kwemeza igenamigambi y'ibikorwa by'Akarere;

- e) Gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inama Rusange y'Igihugu, iy'Intara n'andi mabwiriza yose avuye mu nzego ziyikuriye;
- f) Kwemeza ingengo y'Imari y'Akarere;
- g) kwakira raporo ya Komite Nshingwabikorwa ku mikoreshereze y'umutungo;
- h) Kwakira raporo y'ibikorwa bya Komite Nshingwabikorwa y'Akarere;
- i) kwakira raporo y'uhagarariye abayoboze utari mu nzego z'ubuyobozi.

19.3 Guterana kw'Inama Rusange y'Akarere

Inama Rusange isanzwe y'Akarere iterana byibuze gatatu mu mwaka. Itumizwa mu nyandiko n'Umuhuzabikorwa w'Akarere kandi akayiyobora. Ariko ishobora gutumirwa by'igitaraganya igihe cyose Komite Nshingwabikorwa y'Akarere isanze ari ngombwa, cyangwa mu gihe nibura kimwe cya gatatu (1/3) cy'abagize Inama Rusange y'Akarere babisabye.

Umutwe wa gatatu: Inzego z'Ubuyobozi bw'Ihuriro n'Inshingano zazo

Ingingo ya 20: Biro Politiki y'Igihugu

20.1 Abayigize

Biro Politiki y'Igihugu igizwe n'aba bakurikira:

- a) Abagize Komite Nshingwabikorwa y'Igihugu;
- b) Abashinze Ihuriro kandi bakiririmo;
- c) Abagize inzego zunganira ubuyobozi zivugwa mu ngingo ya 16;
- d) Abahuzabikorwa b'Intara;
- e) Abahagarariye Intara;
- f) Abatumiwe na Biro ya Komite Nshingwabikorwa y'Igihugu igihe bibaye ngombwa ariko nta burenganzira bwo gutora bagira no gufata ibyemezo.

20.2 Inshingano

Inshingano za Biro Politiki ni izi zikurikira:

- a) Gukurikirana uko ibyemezo byafashwe n'Inama Rusange y'Igihugu bikurikizwa;
- (b) Kugena ingingo zigomba kwigwa n'Inama Rusange y'Igihugu;
- (c) Kugena inshingano z'amatsinda ahoraho;
- (d) Kugena inshingano z'abagize Komite Nshingwabikorwa y'Igihugu;
- (e) Gushyiraho amatsinda adahoraho mu gihe akenewe mu rwego rw'Igihugu no kugena inshingano zayo;
- (f) Kugena uburyo bwo gushyira mu bikorwa imigambi y'Ihuriro;
- (g) Kwemeza umushinga w'ingengo y'Imari y'Ihuriro;
- (h) Gusuzuma, kwemeza cyangwa gusesa ibyemezo byafashwe n'inzego ikuriye bibaye ngombwa;
- (i) Kwemeza ibihe bidasanzwe, kugena igihe bizamara no gutanga amabwiriza ku mikorere y'Ihuriro muri ibyo bihe;
- (j) Gufata ibyemezo byose birebana n'Ihuriro mu gihe Inama Rusange y'Igihugu idashobora guterana.

20.3 Guterana kw'Inama ya Biro Politiki

Inama isanzwe ya Biro Politiki iterana rimwe mu mezi abiri. Itumizwa kandi ikayoborwa n'Umuhuzabikorwa Mukuru w'Ihuriro. Ishobora gutumirwa by'igitaraganya igihe cyose Biro ya Komite Nshingwabikorwa y'Igihugu isanze ari ngombwa cyangwa mu gihe nibura kimwe cya gatatu (1/3) cy'abayigize babisabye.

Ingingo ya 21: Komite Nshingwabikorwa y'Igihugu

21.1 Abayigize

Komite Nshingwabikorwa y'Igihugu igizwe n'aba bakurikira:

- a) Abagize Biro ya Komite Nshingwabikorwa y'Igihugu;
- b) Abayobozi b'Amatsinda ahoraho.

21.2 Inshingano

Inshingano za Komite Nshingwabikorwa y'Igihugu ni izi:

- a) Gushyira mu bikorwa ibyemezo by'inama Rusange y'Igihugu;
- b) Gushyira mu bikorwa ibyemezo bya Biro Politiki;
- c) Guhuza ibikorwa bya za Komite Nshingwabikorwa z'Intara;
- d) Gushyiraho umuvugizi w'Ihuriro;
- e) Gushyiraho Ubuyobozi bwa Radio Ihuriro;
- f) Gusuzuma, gukorera ubugororangingo no kwemeza burundu, cyangwa gusesa ibyemezo byihutirwa byafashwe na Biro ya Komite Nshingwabikorwa y'Igihugu. Ibyo bikorwa mu nama ya Komite Nshingwabikorwa ya mbere ikurikira igihe Biro ya Komite Nshingwabikorwa yafatiye ibyo byemezo.

21.3 Inama ya Komite Nshingwabikorwa y'Igihugu

Inama ya Komite Nshingwabikorwa y'Igihugu isanzwe iterana inshuro ebyiri mu kwezi. Itumizwa kandi ikayoborwa n'Umuhuzabikorwa Mukuru. Ariko ishobora gutumirwa by'igitaraganya igihe cyose umuhuzabikorwa mukuru w'Ihuriro asanze ari ngombwa cyangwa abisabwe na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abayigize.

21.4. Abagize Biro ya Komite Nshingwabikorwa y'Igihugu

Biro ya Komite Nshingwabikorwa y'Igihugu igizwe n'aba bakurikira:

- a) Umuhuzabikorwa Mukuru;
- b) Umuhuzabikorwa Mukuru wungirije wa mbere;
- c) Umuhuzabikorwa Mukuru wungirije wa kabiri;
- d) Umuhuzabikorwa Mukuru wungirije wa gatatu;
- e) Umunyamabanga Mukuru;
- f) Umubitsi Mukuru.

Inama Rusange y'Igihugu ishobora kongera cyangwa kugabanya umubare w'abahuzabikorwa bakuru bungirije igihe bibaye ngombwa.

21.5. Inshingano za Biro ya Komite Nshingwabikorwa y'Igihugu

21.5.1. Inshingano rusange za Biro ya Komite Nshingwabikorwa y'Igihugu

- a) Gucunga imikorere myiza y'Ihuriro umunsi ku wundi;
- b) Guhagararira inzego zose z'Ihuriro umunsi ku wundi;
- c) Gufata ibyemezo byihutirwa mu gihe bibaye ngombwa kandi bifitiye Ihuriro akamaro;
- d) Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo byafashwe n'inzego z'Ihuriro zose;
- e) Gucunga no kurengera umutekano n'ubusugire bw'Ihuriro umunsi ku wundi.

21.5.2. Inshingano zihariye z'abagize Biro ya Komite Nshingwabikorwa y'Igihugu

- a) Umuhuzabikorwa Mukuru ni we muyobozi mukuru w'Ihuriro.
 - i. Ashinzwe gucunga imikorere myiza y'Ihuriro;
 - ii. Ashinzwe umubano w'Ihuriro hanze yaryo;
 - iii. Avuganira Ihuriro mu mpaka zose zavuka mu rwego rw'amategeko;
 - iv. Atumiza kandi akayobora Inama Rusange y'Igihugu, iya Biro Politiki, kimwe n'iy'abagize Komite Nshingwabikorwa y'Igihugu;
 - v. Akurikirana imikorere kandi akakira raporo ziva ku bahuzabikorwa bakuru bamwungirije mu mirimo bashinzwe.

Iyo umuhuzabikorwa Mukuru adatumije inama nk'uko biteganywa n'iyi Sitati, bibiri bya gatatu (2/3) by'abagize Biro barumvikana bakayitumiza.

- b) Abahuzabikorwa Bakuru bungirije bafasha Umuhuzabikorwa Mukuru mu kurangiza inshingano ze birimo no kumuhagararira igihe atabonetse.
- c) Umunyamabanga Mukuru niwe ukurikirana ibikorwa by'Ihuriro umunsi ku wundi.
 - i. Kwakira gahunda z'ibiteganywa gukorwa na raporo z'amatsinda yose;
 - ii. Kohereza ubutumire bw'inama Rusange y'Igihugu, iya Biro Politiki, n'iza Komite Nshingwabikorwa y'Igihugu;
 - iii. Gukora no kubika raporo z'inama z'izo nzego zimaze kuvugwa;
 - iv. Kwakira no kubika ubutumwa bugenewe ubuyobozi bukuru bw'Ihuriro;
 - v. Guhererekanya amabwiriza, ubundi butumwa no gutangaza inyandiko biva mu buyobozi bukuru bw'Ihuriro;
 - vi. Izindi nshingano yaba ahawe na Biro Politiki.
- d) Umubitsi Mukuru ashinzwe:
 - i. Guhuza ibikorwa byo gushaka no gucunga umutungo w'Ihuriro;
 - ii. Gukora imishinga yose irebana no gushaka ndetse no gukoresha umutungo w'Ihuriro;
 - iii. Gukora ingengo y'imari y'Ihuriro akurikije ibikorwa byateganyijwe na Komite Nshingwabikorwa y'Igihugu n'imigambi y'Ihuriro;
 - iv. Gukora raporo y'umutungo akayishyikiriza Biro Politike nibura kabiri mu mwaka. Raporo irangiza umwaka igomba kuba yateguwe bitarenze tariki ya 31 Nyakanga za buri mwaka;
 - v. Gusohora amafaranga muri konti y'Ihuriro afatanije n'umuhuzabikorwa Mukuru.

21.6. Amatsinda Ahoraho ku Rwego rw'Igihugu

Ihuriro rifite Amatsinda ahoraho 10 akurikira:

1. Itsinda ry'abari n'abategarugori✓
2. Itsinda ry'urubyiruko✓
3. Itsinda ry'uburenganzira bw'ikiremwa muntu n'ibibazo by'impunzi✓
4. Itsinda ry'ububanyi n'amahanga✓
5. Itsinda ry'igenamigambi✓
6. Itsinda ry'umutungo n'imishinga✓
7. Itsinda ry'itangazamakuru n'itumanaho✓
8. Itsinda ry'ubukangurambaga✓
9. Itsinda ry'amategako n'imyitwarire mbonerabupfura✓
10. Itsinda ry'amahugurwa✓

Inama rusange y'Igihugu ishobora kongera amatsinda ahoraho cyangwa kuyagabanya igihe bibaye ngombwa.

Inshingano n'imikorere y'Amatsinda ahoraho biboneka mu nyandiko ngengamikorere y'Ihuriro.

Ingingo ya 22: Komite nshingwabikorwa y'Intara

22.1. Abayigize

Komite nshingwabikorwa y'Intara igizwe n'aba bakurikira:

- a) Abagize Biro ya Komite Nshingwabikorwa y'Intara;
- b) Abayobozi b'Amatsinda ahoraho mu rwego rw'Intara;
- c) Abahagarariye Intara muri Biro politiki
- d) Abahuzabikorwa b'Uturere.

22.2. Inshingano za Komite Nshingwabikorwa y'Intara

Inshingano za Komite Nshingwabikorwa y'Intara ni izi:

- a) Gushyira mu bikorwa ibyemezo by'inama rusange y'Intara, ibya Biro Politiki, iby'Inama Rusange y'Igihugu n'andi mabwiriza yose aturutse muri Komite Nshingwabikorwa y'Igihugu;
- b) Guhuzabikorwa bya za Komite Nshingwabikorwa z'Uturere twayo;
- c) Gushyiraho amatsinda adahoraho iyo bibaye ngombwa;
- d) Kugena ingengo y'imari y'Intara;
- e) Gukurikirana uko ingengo y'imari ikoreshwa.

22.3. Inama ya Komite Nshingwabikorwa y'Intara

Inama ya Komite Nshingwabikorwa y'Intara isanzwe iterana buri kwezi, ariko ishobora gutumirwa by'igitaraganya igihe cyose Umuhuzabikorwa w'Intara asanze ari ngombwa cyangwa abisabwe na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abayigize.

Biro ya Komite Nshingwabikorwa y'Intara ishobora gutumira undi muyobozi wese wo ku rwego rukuru. Abatumiwe mu nama kuri ubu buryo nta burenganzira bafite bwo gutora no gufata ibyemezo.

22.4. Abagize Biro ya Komite Nshingwabikorwa y'Intara

Abagize Biro ya Komite Nshingwabikorwa y'Intara ni aba bakurikira:

- a) Umuhuzabikorwa;
- b) Umuhuzabikorwa wungirije;
- c) Umunyamabanga;
- d) Umubitsi.

22.4.1. Inshingano rusange za Biro ya Komite Nshingwabikorwa y'Intara

- a) Gucunga imikorere myiza y'Ihuriro umunsi ku wundi mu Ntara;
- b) Guhagararira inzego z'Ihuriro umunsi ku wundi mu Ntara;
- c) Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ku rwego rw'Intara ibyemezo byafashwe n'inzego z'Ihuriro;
- d) Gucunga no kurengera umutekano n'ubusugire bw'Ihuriro umunsi ku wundi mu Ntara;
- e) Gukora inama nibura rimwe mu kwezi.

22.4.2. Inshingano zihariye z'abagize Biro:

- a) Umuhuzabikorwa w'Intara ni we muyobozi mukuru w'Ihuriro mu Ntara. Ashinzwe ibi bikurikira:
 - i. Gucunga imikorere myiza y'Ihuriro umunsi ku wundi;
 - ii. Gutumiza no kuyobora Inama Rusange y'Intara kimwe n'iy'abagize Komite Nshingwabikorwa y'Intara.
- b) Umuhuzabikorwa wungirije yunganira Umuhuzabikorwa w'Intara mu nshingano ze kandi akamuhagararira mu gihe atabonetse
- c) Umunyamabanga w'Intara ashinzwe:
 - i. Gukora no kubika raporo z'Inama Rusange y'Intara n'iza Komite Nshingwabikorwa mu Ntara;
 - ii. Kwakira no kubika ubutumwa bugenewe ubuyobozi bw'Ihuriro mu Ntara;
 - iii. Guhererekanya amabwiriza, ubundi butumwa no gutangaza inyandiko biva mu buyobozi bw'Ihuriro mu Ntara cyangwa mu nzego zikuriye Intara.
- (d) Umubitsi w'Intara ashinzwe:
 - i. Gukora imishinga yose irebana no gushaka ndetse no gukoresha umutungo w'Ihuriro mu rwego rw'Intara;
 - ii. Gukora ingengo y'imari y'Ihuriro mu Ntara akurikije ibikorwa byateganyijwe na Komite Nshingwabikorwa n'imigambi y'Ihuriro;
 - iii. Gukora raporo y'umutungo w'Ihuriro no kuyishyikiriza Inama Rusange y'Intara nibura rimwe mu mwaka;
 - iv. Gusohora amafaranga muri konti y'Ihuriro mu rwego rw'Intara afatanije n'umuhuzabikorwa w'Intara;
 - v. Gutanga raporo y'umutungo mu nama ya Komite nshingwabikorwa y'Intara;
 - vi. Gushyikiriza umubitsi mukuru raporo y'umutungo buri kwezi.

22.5. Abayobozi b'amatsinda ahoraho ku rwego rw'Intara

Amatsinda ahoraho ku rwego rw'Intara ashwirwaho n'Inama Rusange y'Intara kandi igatora n'abayobozi bayo. Inshingano n'imikorere y'amatsinda ahoraho biboneka mu nyandiko ngengamikorere y'Ihuriro.

Ku rwego rwa buri Ntara hagomba kujyaho nibura itsinda rya diplomasi, Itsinda ry'ubukangurambaga, Itsinda ry'abari n'abategarugori n'Itsinda ry'urubyiruko.

22.6 Abahagarariye Intara muri Biro politiki

Abahagarariye Intara muri Biro politiki bashwirwaho n'Inama Rusange y'Intara binyuze mu matora. Inshingano n'imikorere byabo biboneka mu mategeko ngengamikorere y'Ihuriro.

Ingingo ya 23: Komite Nshingwabikorwa y'Akarere

23.1. Abayigize

Komite Nshingwabikorwa y'Akarere igizwe n'aba bakurikira:

- a) Abagize Biro ya Komite Nshingwabikorwa y'Akarere;
- b) Abayobozi b'Amatsinda Ahoraho mu rwego rw'Akarere.

23.2. Inshingano

Inshingano za Komite Nshingwabikorwa y'Akarere ni izi zikurikira:

- a) Gushyira mu bikorwa ibyemezo by'inama y'Akarere, n'iby'izindi nzego ziyikuriye;
- b) Gucunga imikorere myiza y'Ihuriro mu rwego rw'Akarere umunsi ku wundi;
- c) Gushyiraho amatsinda adahoraho mu gihe akenewe mu rwego rw'Akarere;
- d) Gutegura no gukoresha inama y'Akarere;
- e) Kugena ingengo y'imari y'Akarere;
- f) Gukangurira abatari binjira mu Ihuriro kurigana;
- g) Gukusanya ibitekerezo bivuye mu bayoboze mu rwego rwo guteza Ihuriro imbere ku byerekeye gahunda z'Ihuriro n'imiyoborere yaryo;
- h) Gutanga ibitekerezo byo kongera umutungo w'Ihuriro;
- i) Gushyiraho ingaga z'urubyiruko, z'abari n'abategarugori aho bishoboka.

23.3. Inama ya Komite Nshingwabikorwa y'Akarere

Inama ya Komite Nshingwabikorwa y'Akarere isanzwe iterana buri kwezi, ariko ishobora gutumirwa by'igitaraganya igihe cyose Umuhuzabikorwa w'Akarere asanze ari ngombwa cyangwa abisabwe na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abayigize.

Biro ya Komite Nshingwabikorwa ishobora gutumira undi muyobozi wese wo ku rwego rwisumbuye bibaye ngombwa ariko nta burenganzira bafite bwo gutora no gufata ibyemezo.

23.4. Abagize Biro ya Komite Nshingwabikorwa y'Akarere

Abagize Biro ya Komite Nshingwabikorwa y'Akarere ni aba bakurikira:

- a) Umuhuzabikorwa;
- b) Umuhuzabikorwa wungirije;
- c) Umunyamabanga;

d) Umubitsi.

23.4.1. Inshingano rusange za Biro ya Komite Nshingwabikorwa y'Akarere

- i. Gucunga imikorere myiza y'Ihuriro umunsi ku wundi mu Karere;
- ii. Guhagararira inzego zose z'Ihuriro umunsi ku wundi mu Karere;
- iii. Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo byafashwe n'inzego z'Ihuriro zose;
- iv. Gucunga no kurengera umutekano n'ubusugire bw'Ihuriro umunsi ku wundi mu Karere;
- v. Gukangurira abatari binjira mu Ihuriro kuriyoboka.

23.4.2. Inshingano z'abagize Biro ya Komite Nshingwabikorwa y'Akarere

a) Umuhuzabikorwa w'Akarere niwe muyobozi mukuru w'Ihuriro mu rwego rw'Akarere. Ashinzwe ibi bikurikira:

- i. Gucunga imikorere myiza y'Ihuriro mu Karere;
- ii. Gutumiza no kuyobora inama rusange y'Akarere kimwe n'iy'abagize Komite Nshingwabikorwa y'Akarere.

b) Umuhuzabikorwa wungirije yunganira Umuhuzabikorwa w'Akarere mu nshingano ze kandi akamuhagararira mu gihe atabonetse.

c) Umunyamabanga ashinzwe ibi bikurikira

- i. Gukora no kubika raporo z'inama y'Akarere n'iza Komite Nshingwabikorwa mu Karere;
- ii. Guhererekanya amabwiriza, ubundi butumwa no gutangaza inyandiko biva mu buyobozi bw'Ihuriro mu Karere cyangwa mu nzego zikuriye Akarere.

d) Umubitsi ashinzwe ibi bikurikira:

- i. Gukora imishinga yose irebana no gushaka ndetse no gukoresha umutungo w'Ihuriro mu rwego rw'Akarere;
- ii. Gukora ingengo y'imari y'Ihuriro mu rwego rw'Akarere akurikije ibikorwa byateganyijwe na Komite Nshingwabikorwa, anakurikije imigambi y'Ihuriro mu Karere;
- iii. Gukora raporo y'umutungo w'umwaka akayishyikiriza Inama Rusange y'Akarere;
- iv. Gusohora amafaranga y'Ihuriro muri konti y'Ihuriro afatanije n'Umuhuzabikorwa mu Karere;
- v. Gutanga raporo y'umutungo mu nama ya Komite nshingwabikorwa y'Akarere;
- vi. Gushyikiriza umubitsi w'Intara raporo y'umutungo buri kwezi.

23.5. Amatsinda ahoraho

Amatsinda ahoraho ku rwego rw'Akarere agenwa n'Inama Rusange y'Akarere kandi igatora abayobozi bayo. Inshingano n'imikorere y'amatsinda ahoraho biboneka mu mategeko ngengamikorere y'Ihuriro.

Umutwe wa kane: Inzego zunganira ubuyobozi

Ingingo ya 24: Komite Ngishwanama y’Inararibonye

24.1. Abagize Komite Ngishwanama y’Inararibonye

Komite Ngishwanama y’Inararibonye igizwe n’abayoboke batanu (5) bazwiho ubushobozi, ubuhanga, ubunyangamugayo n’ubushishozi. Biramutse bishobotse hajyamo nibura impuguke mu mategeko n’umutegarugori.

Mu nama yabo ya mbere bitoramo Umuyobozi, Umuyobozi wungirije n’Umunyamabanga. Batera nibura rimwe mu mezi atatu cyangwa igihe cyose bibaye ngombwa.

Komite Ngishwanama y’Inararibonye yishyiriraho amabwiriza agenga imikorere yayo ariko atanyuranyije n’iyi Sitati kandi igakora mu bwisanzure.

24.2. Inshingano za Komite Ngishwanama y’Inararibonye

Komite Ngishwanama y’Inararibonye ishinze ibi bikurikira:

- a) Kugira inama ubuyobozi bw’Ihuriro ariko ntifate ibyemezo;
- b) Gutanga inama ku kibazo icyo aricyo cyose harimo n’impaka cyangwa ubwumvikane buke bishobora kuvuka hagati y’abayobozi cyangwa abayoboke;
- c) Kwakira ubujurire bw’abagize Biro Politiki mu rwego rwa disipuline. Umwanzuro ugezweho muri iyi nshingano wemezwa burundu na Biro Politiki;
- d) Gutanga inama ku kibazo cyose Komite yashyikirizwa n’inzego z’Ihuriro;
- e) Nibura rimwe mu mwaka Komite Ngishwanama y’Inararibonye itegura raporo y’imirimo yakoze ikayishyikiriza Biro Politiki.

Ingingo ya 25: Komite y’Ubugenzuzi bw’Ihuriro

25.1. Abagize Komite y’ubugenzuzi

Komite y’Ubugenzuzi igizwe n’abayoboke bane. Umugenzuzi Mukuru w’Ihuriro ariwe uyikuriye, Umugenzuzi Mukuru wungirije ushinze imikorere y’Ihuriro, Umugenzuzi Mukuru wungirije ushinze umutungo n’Umunyamabanga w’Ubugenzuzi. Batera nibura rimwe mu mezi atatu cyangwa igihe cyose bibaye ngombwa. Iyi komite irigenga mu mikorere yayo.

25.2. Inshingano za Komite y’Ubugenzuzi

Komite y’Ubugenzuzi ishinze ibi bikurikira:

- a) Kugenzura imikorere rusange y’Ihuriro;
- b) Kugenzura imikoreshereze y’umutungo;
- c) Gutanga muri BiPo raporo ngufi ku mikorere n’imikoreshereze y’umutungo by’Ihuriro;
- d) Gutegura no gushyikiriza Inama Rusange y’Igihugu raporo ku byerekeye imikorere rusange y’Ihuriro n’imikoreshereze y’umutungo rimwe mu mwaka.

Ingingo ya 26: Komite ya Disipuline

Hashyizweho komite zigenga zishinze imyitwarire y’abayoboke ku rwego rw’Igihugu no ku rwego rw’Intara.

Komite za disipuline zigamije kunga abayoboke n’abayobozi igihe igejejweho *n’umuyoboke*

cyangwa **urwego rw'Ihuriro**, ikibazo cy'ubwumvikane buke hagati yabo. Yunga kandi n'abayobozi iyo igejejweho ikibazo cy'ubwumvikane buke hagati y'inzego z'ubuyobozi. Komite za disipurine zishobora gutanga ibihano biteganywa n'ingingo ya 35 y'amategeko ngengamyitwarire iyo bibaye ngombwa.

26.1. Abagize Komite ya Disipurine

Ku rwego rw'Igihugu, komite ya disipurine igizwe **n'abayoboze 5** bazwiho kuvugisha ukuri, kuba indakemwa mu mico no mu myifatire, kwakira no kumva neza impande zombi zibagana. Mu nama yabo ya mbere bitoramo ukuriye komite, umwungirije n'umunyamabanga. Bishobotse hagombye kubamo nibura, umutegarugori n'umunyamategeko.

Ku rwego rw'Intara, komite ya disipurine igizwe **n'abayoboze 3** bazwiho kuvugisha ukuri, kuba indakemwa mu mico no mu myifatire, kwakira no kumva neza impande zombi zibagana. Mu nama yabo ya mbere bitoramo ukuriye komite n'umunyamabanga. Bishobotse hagombye kubamo umutegarugori n'umunyamategeko.

26.2. Inshingano za Komite ya Disipurine

Ku rwego rw'Igihugu komite ya disipurine yakira kandi igakemura ibibazo by'abagize Biro politiki.

Ku rwego rw'Intara komite ya disipurine yakira kandi igakemura ibibazo by'abayoboze n'abayobozi bo mu Ntara n'Akarere uretse abari muri Biro politiki.

Ububasha n'imikorere byazo biteganywa mu mategeko ngengamyitwarire y'Ihuriro.

Ingingo ya 27: Komisiyo y'Amatora

Hashyizweho Komisiyo ihoraho yigenga ku rwego rw'Igihugu ishinze gukoresha amatora rusange mu nzego zose z'Ihuriro n'amatora nzibacyaho igihe bibaye ngombwa kuzuza imyanya y'ubuyobozi manda zitararangira.

Komisiyo y'Amatora igizwe n'umukuru wayo, umukuru wungirije, umunyamabanga, umutoresha, n'izindi mpuguke Komisiyo yakenera.

Komisiyo ishobora gushyiraho abayihagarariye n'abandi bese ikenera ku rwego amatora agomba kuberaho.

Komisiyo yishyiriraho amabwiriza akubiyemo inshingano za buri munya wiyamamarizwa (uretse izo abungirije ukuriye umwanya wiyamamarizwa) n'ibizakenerwa byose maze akemezwa na Biro Politiki.

Ingingo ya 28: Radio y'Ihuriro

Hashyizweho Radio y'Ihuriro yitwa "Radio Ihuriro". Iyi Radio ni umuyoboro Ihuriro rikoresha kugira ngo rigeze ku Banyarwanda n'abanyamahanga amatwara yaryo. Imikorere n'inshingano bya Radio Ihuriro biboneka mu mategeko ngengamikorere y'Ihuriro.

Ingingo ya 29: Urugaga rw'Urubyiruko

Hashyizweho ku rwego rw'Intara n'Akarere aho bishoboka, Urugaga rw'urubyiruko

rushamikiye ku Itsinda ry'urubyiruko. Rushinzwe kumenyekanisha Ihuriro mu rubyiruko no kurusaba kugira uruhare mu bikorwa bifatika kandi bigamije guteza imbere Ihuriro. Abagize Urugaga rw'urubyiruko, uburenganzira n'inshingano byabo biboneka mu mategeko ngengamikorere y'Ihuriro.

Ingingo ya 30: Urugaga rw'Abari n'abategarugori

Hashyizweho ku rwego rw'Intara n'Akarere aho bishoboka, Urugaga rw'abari n'abategarugori rushamikiye ku Itsinda ry'abari n'abategarugori. Rushinzwe kumenyekanisha Ihuriro by'umwihariko mu bari n'abategarugori no kubsaba kugira uruhare mu bikorwa bifatika kandi bigamije guteza imbere Ihuriro. Abagize Urugaga rw'abari n'abategarugori, uburenganzira n'inshingano byabo biboneka mu mategeko ngengamikorere y'Ihuriro.

IGICE CYA KANE: INGINGO ZIHARIYE N'IZISOZA

Umutwe wa mbere: Umutungo n'Ingengo y'Imari by'Ihuriro

Ingingo ya 31: Umutungo w'Ihuriro n'Inkomoko yawo

Umutungo w'Ihuriro ugizwe n'umutungo wimukanwa n'utimukanwa harimo inyandiko z'Ihuriro, ibirangantego byaryo, ibikoreshe byose by'Ihuriro, amafaranga, n'ikindi kintu icyo ari cyo cyose cyakorewe cyangwa cyakozwe n'Ihuriro.

Ihuriro rikomora umutungo waryo aha hakurikira:

- a) Umusanzu w'abayoboke;
- b) Impano n'indagano;
- c) Indi mitungo n'ibikorwa bibyara inyungu hakurikijwe amategeko agenga Ihuriro;
- d) Ibindi byose byakozwe cyangwa byakorewe Ihuriro.

Umutungo w'Ihuriro utandukanye n'umutungo w'umuyoboke cyangwa umuyobozi w'Ihuriro ku rwego urwo ari rwo rwose kandi ukoreshwa gusa mu bikorwa by'Ihuriro.

Umutungo uwo ari wo wose n'aho waturutse hose ugomba kumenyeshwa Umubitsi Mukuru w'Ihuriro.

Ingingo ya 32: Ingengo y'Imari ya buri mwaka

Inzego zose z'Ihuriro zitegura gahunda z'ibikorwa n'ingengo z'imari zizakoreshwa buri mwaka zigashyikirizwa Inama Rusange kuri buri rwego kugira ngo izemeze.

Umutwe wa kabiri: Umwaka w'Ihuriro

Ingingo ya 33: Umwaka w'Ihuriro

Umwaka w'Ihuriro utangira ku itariki ya mbere Nyakanga ya buri mwaka; ukarangira ku itariki 30 Kamena y'umwaka ukurikiyeho.

Umutwe wa gatatu: Ibirebana na Manda z'Abayobozi mw'Ihuriro

Ingingo ya 34: Manda z'Abayobozi mu Ihuriro

Abagize Biro za Komite Nshingwabikorwa n'abakuru b'Amatsinda ahoraho ku rwego rw'Igihugu, urw'Intara, urw'Akarere n'abahagarariye Intara muri Biro politiki batorwa n'Inama Rusange kuri buri rwego nk'uko biteganywa mu ngingo ya 15 y'iyi Sitati.

Umuyobozi ku rwego urwo ari rwo rwose atorerwa manda y'imyaka itatu (3) mu matora rusange naho mu matora nzibacyubaho, utowe arangiza manda y'uwo asimbuye. Ntawe ushobora gutorerwa manda zirenze ebyiri zikurikirana ku mwanya umwe.

Icyitonderwa ; Uwatowe mu matora nzibacyuho ashobora gukora manda 2 mu matora rusange akurikiyeho kuri uwo mwanya kuko manda y'uwo yasimbuye mu matora nzibacyuho itamubarwaho.

Biro Politiki ibisabwe na Komisiyo y'Amatora ishobora gusaba umuyobozi urangije manda ebyiri zikurikiranye kuri uwo mwanya, kongera kuwiyamamariza **igihe habuze undi mukandida kuri uwo mwanya**.

Amazina y'abagize inzego zunganira ubuyobozi atangwa na Komite Nshingwabikorwa y'Igihugu akemezwa na Biro Politiki. Manda y'abagize izi nzego imara imyaka itatu. Aliko manda ya mbere ya Komisiyo y'amatora (KA) igomba kumara imyaka ibili hanyuma igatangira gufata manda y'imyaka itatu kugirango amatora rusange azajye aba yo (KA) ishigaje manda y'umwaka umwe.

Ingingo ya 35: Gusimburwa ku Mirimo

Mu gihe umuyobozi mu nzego z'Ihuriro yeguye, asezerewe ku mwanya we, atorewe cyangwa ashizwe ku wundi murimo, cyangwa apfuye atarangije manda ye; Komite Nshingwabikorwa y'urwego ugomba gusimburwa yari ariho ihitamo by'agateganyo umusimbura. Iyo bene uwo muyobozi wagize impamvu ari ku rwego rwa Komite Nshingwabikorwa y'Igihugu, umusimbura yemezwa na Biro Politike.

Bimenyeshwa Komisiyo ihoraho ishinze amatora kugira ngo ikoreshe amatora mu gihe kitarenze iminsi 60.

Umutwe wa kane: Uko Ibyemezo Bifatwa mu Nama z'Ihuriro

Ingingo ya 36: Inama z'Ihuriro n'uko Ibyemezo Bifatwa

Inama z'Ihuriro ku rwego urwo arirwo rwose ziterana nibura iyo kimwe cya kabiri hiyongereyeho umuyoboze umwe mu bagize urwo rwego bitabiriye iyo nama. Iyo itabaye umuyobozi ubifitiye ububasha atumiza indi nama mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15).

Ku rwego urwo arirwo rwose, ibyemezo by'inama z'Ihuriro bifatwa ku bwumvikane busesuye bw'abazitabiriye. Iyo ubwo bwumvikane butabonetse ibyemezo bifatwa biciye mu matora. Hatabangamiwe ibivugwa mu ngingo ya 39 n'ya 40 ibyemezo bifatwa iyo byibuze kimwe cya kabiri cy'abitaabiriye inama wongeyeho umuyoboze umwe (1) mu bayoboze baje mu nama kandi bafite uburenganzira bwo gutora babyemeje.

Umutwe wa gatanu: Amategeko Ngengamikorere, Amategeko Ngengamyitwarire

n'Izindi Nyandiko z'Ihuriro

Ingingo ya 37: Amategeko Ngengamikorere, Ngengamyitwarire n'Izindi Nyandiko Ngenderwaho z'Ihuriro

Iyi Sitati niyo nyandiko shingiro igenga imikorere y'Ihuriro ariko mu ishyirwa mu bikorwa ryayo ishobora kuzuzwa n'ibindi biboneka mu mategeko ngengamikorere, mu mategeko ngengamyitwarire y'Ihuriro, amabwiriza n'ibindi byemezo by'inzego z'Ihuriro mu gihe cyose bitanyuranyije n'iyi Sitati.

Ingingo ya 38: Kumva neza no Gukoresha iyi Sitati

Mu gihe havutse impaka cyangwa urujijo mu gusobanukirwa, kumva neza, kwitiranya cyangwa kuba bimwe mu bikubiye muri iyi Sitati byakumvwa mu buryo bunyuranye n'ibigamijwe; Itsinda rihoraho ry'amategeko n'imyitwarire mbonerabupfura nirwo rwego rufite ububasha bwo gusobanura iyi Sitati mu rwego rwo kvanaho urwo rujijo.

Umutwe wa gatandatu: Ibisozwa

Ingingo ya 39: Iseswa ry'Ihuriro

Gusesa Ihuriro byemezwa ku bwiganze bwa bitatu bya kane (3/4) by'abayoboke b'Ihuriro bateraniye mu Nama Rusange y'Igihugu. icyo gihe Inama Rusange ni yo igena aho umutungo werekezwa hamaze kwishyurwa imyenda n'ibindi byose Ihuriro rigomba kwishyura.

Ingingo ya 40: Ihindurwa, Iyemezwa n'Ikurikizwa bya Sitati

40.1. Ihindurwa n'Iyemezwa rya Sitati

Iyi Sitati ishobora kuvugururwa cyangwa guhindurwa n'Inama Rusange y'Igihugu byemejwe na bitatu bya kane (3/4) by'abayoboke bitabiriye inama kandi bemerewe gutora.

40.2. Iyemezwa rya Sitati y'Ihuriro Ivuguruwe

Sitati y'Ihuriro ivuguruwe yemejwe na Biro Politike y'Ihuriro ihagarariye Inama Rusange mu nama yayo yabaye hakoreshejwe ikoranabuhanga kw'itariki ya **18 gicurasi 2024**.

40.3. Ikurikizwa rya Sitati y'Ihuriro ivuguruwe

Iyi Sitati itangira gukurikizwa ku munsu yemejweho n'Inama Rusange y'Igihugu. Ingingo zindi zose zabanjirije iyi Sitati kandi zinyuranyije nayo zivanyweho. Imiterere y'inzego z'Ihuriro, ubuyobozi n'abayobozi bariho mu gihe iyi Sitati ivugururwa bizakomeza kugeza ku matora rusange azakurikiraho. Ibindi bikubiye muri iyi Sitati bizatangira gukurikizwa ikimara kwemezwa.

Bikorewe i Washington, ku itariki ya **18 gicurasi 2024**

Denis Serugendo
Umunyamabanga Mukuru w'Ihuriro

Frank Ntwali
Umuhuzabikorwa Mukuru w'Ihuriro